Allah agirire impuhwe umuntu woroha igihe agurisha, woroha igihe agura, woroha igihe yishyuza

Hadithi yaturutse kwa Djabir (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Allah agirire impuhwe umuntu woroha igihe agurisha, woroha igihe agura, woroha igihe yishyuza."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Bukhari]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irasabira impuhwe za Allah buri uwo ari we wese woroha, w'umunyabuntu, mu bucuruzi bwe; Bityo ntagora umuguzi mu biciro, ahubwo aramworohera akanamwitwaraho neza mu muco uboneye. Aroroha akagira ubuntu igihe nawe ari umuguzi, bityo nta muhuguza cyangwa se ngo ateshe agaciro ibicuruzwa. Aroroha akagira ubuntu igihe yishyuza abamufitiye umwenda; ntagore umukene n'undi ubabaye, ahubwo amwishyuza harimo kumworohera no kumugirira impuhwe, ndetse akanihanganira uwananiwe kwishyura.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3716